

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE  
N°003/03 RYO KU WA 16/01/2015 RIGENA  
UBURYO AMAHUGURWA Y'ABAKOZI BA  
LETA AKORWA

PRIME MINISTER'S ORDER N°003/03 OF  
16/01/2015 DETERMINING MODALITIES  
FOR TRAINING FOR PUBLIC  
SERVANTS

ARRETE DU PREMIER MINISTRE  
N°003/03 DU 16/01/2015 PORTANT  
MODALITES DE DEROULEMENT DES  
FORMATIONS DES AGENTS DE L'ETAT

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Isano hagati y'amahugurwa  
n'umurimo**

**Ingingo ya 4: Amahugurwa y'umukozi  
ugitangira akazi**

**UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE  
Y'AMAHUGURWA**

**Ingingo ya 5: Igenwa rya gahunda  
y'amahugurwa**

**Ingingo ya 6: Ibigaragazwa muri gahunda  
y'amahugurwa**

**Ingingo ya 7: Amahugurwa ateganyirizwa buri**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definitions**

**Article 3: Relationship between the training  
and job responsibilities**

**Article 4: Induction course**

**CHAPTER II: ORGANIZATION OF  
TRAINING**

**Article 5: Establishment of training plan**

**Article 6: Content of a training plan**

**Article 7: Required training session for each**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

**Article 2 : Définitions**

**Article 3 : Rapport entre la formation et les  
responsabilités du poste occupé**

**Article 4: Formation préparatoire**

**CHAPITRE II : ORGANISATION DES  
FORMATIONS**

**Article 5 : Planification des formations**

**Article 6 : Contenu d'un plan de formation**

**Article 7 : Session de formation obligatoire**

|   |   |   |
|---|---|---|
| <b>mukozi</b>   | <b>public servant</b>   | <b>pour chaque agent de l'Etat</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 8:</u> Urutonde rw'abakozi bemerewe amahugurwa</b>                           | <b><u>Article 8 :</u> List of Public Servants selected for training</b>                                       | <b><u>Article 8 :</u> Liste des agents de l'Etat bénéficiaires de formation</b>                               |
| <b><u>Ingingo ya 9:</u> Uruhushya rwo kujya mu mahugurwa</b>                                  | <b><u>Article 9:</u> Authorisation for training</b>   | <b><u>Article 9:</u> Autorisation de suivre la formation</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 10:</u> Amahugurwa umukozi yiyishyuriye</b>                                  | <b><u>Article 10:</u> Employee-sponsored training</b>   | <b><u>Article 10 :</u> Formation financé par l'employé</b>  |
| <b><u>UMUTWE WA III: IBISABWA UMUKOZI WEMERWE AMAHUGURWA</u></b>                              | <b><u>CHAPTER III: OBLIGATIONS OF A PUBLIC SERVANT AUTHORIZED TO GO ON TRAINING</u></b>                       | <b><u>CHAPITRE III : OBLIGATIONS DE L'AGENT AUTORISE A SUIVRE LA FORMATION</u></b>                            |
| <b><u>Ingingo ya 11:</u> Amasezerano n'uwemerewe amahugurwa</b>                               | <b><u>Article 11:</u> Contract with the beneficiary of the training</b>                                       | <b><u>Article 11:</u> Contrat avec le bénéficiaire de la formation</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 12:</u> Gusubiza amafaranga igihe hatubahirijwe amasezerano y'amahugurwa</b> | <b><u>Article 12:</u> Reimbursement of training fees in case of non-compliance with the training contract</b> | <b><u>Article 12 :</u> Remboursement des frais de formation en cas de non-respect du contrat de formation</b> |
| <b><u>Ingingo ya 13:</u> Gukurikira amahugurwa</b>  | <b><u>Article 13:</u> Participation in a training</b>   | <b><u>Article 13 :</u> Participation à la formation</b>   |
| <b><u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano yo kugaruka ku kazi</b>                                   | <b><u>Article 14:</u> Obligation to resume the work</b>   | <b><u>Article 14 :</u> Retour obligatoire au travail</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 15:</u> Raporo y'amahugurwa</b>  | <b><u>Article 15 :</u> Training report</b>  | <b><u>Article 15 :</u> Rapport de formation</b>   |
| <b><u>UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI WEMERWE AMAHUGURWA</u></b>                       | <b><u>CHAPTER IV: RIGHTS OF A PUBLIC SERVANT AUTHORIZED TO GO ON TRAINING</u></b>                             | <b><u>CHAPITRE IV : DROITS DE L'AGENT AUTORISE A SUIVRE LA FORMATION</u></b>                                  |
| <b><u>Ingingo ya 16:</u> Koroherezwa guhugurwa kandi anakora</b>                              | <b><u>Article 16:</u> Facilitation to a public servant in training while on job</b>                           | <b><u>Article 16:</u> Facilités accordées à l'Agent en formation à l'intérieur du Pays</b>                    |

|   |  |  |
|---|--|--|
| <u>Ingingo ya 17:</u> Ikiruhuko cy’umwaka ku mukazi uri mu mahugurwa                      | <u>Article 17:</u> Annual leave for a Public Servant in training                                       | <u>Article 17:</u> Congé annuel d’un agent de l’Etat en formation  |
| <u>Ingingo ya 18:</u> Isuzumabushobozi ry’umukazi wa Leta uri mu mahugururwa              | <u>Article 18:</u> Performance appraisal for a public servant on training                              | <u>Article 18 :</u> Evaluation d’un agent de l’Etat en formation   |
| <u>Ingingo ya 19:</u> Umushahara n’ibindi bigenerwa umukazi uri mu mahugurwa              | <u>Articles 19:</u> Salary and other benefits for a public servant on training                         | <u>Article 19 :</u> Salaire et autres avantages accordés à un agent de l’Etat en formation                                   |
| <u>Ingingo ya 20:</u> Koroherezwa ingendo   | <u>Article 20:</u> Transport facilitation allowance  | <u>Article 20 :</u> Indemnité de transport   |
| <u>Ingingo ya 21:</u> Amafaranga y’itumanaho  | <u>Article 21:</u> Communication allowance   | <u>Article 21:</u> Frais de communication  |
| <u>UMUTWE WA V:</u> AMAFARANGA Y’AMAHUGURWA   | <u>CHAPTER V:</u> FUNDING OF TRAINING  | <u>CHAPITRE V :</u> FINANCEMENT DES FORMATIONS   |
| <u>Ingingo ya 22:</u> Itangwa ry’amafaranga y’amahugurwa                                  | <u>Article 22:</u> Financing of training   | <u>Article 22:</u> Financement de formation  |
| <u>Ingingo ya 23:</u> Kwishyura amafaranga y’amahugurwa                                   | <u>Article 23:</u> Payment of training fees  | <u>Article 23 :</u> Paiement des frais de formation  |
| <u>Ingingo ya 24 :</u> Impamba y’urugendo rw’amahugurwa mu mahanga                        | <u>Article 24:</u> Pocket money for training abroad  | <u>Article 24 :</u> Argent de poche pour une formation à l’étranger  |
| <u>Ingingo ya 25:</u> Ibarwa ry’amafaranga yo gutunga umukazi uri mu mahugurwa mu mahanga | <u>Article 25:</u> Calculation of accommodation and meals fees for a public servant in training abroad | <u>Article 25:</u> Calcul des frais de logement et de subsistance pour un agent de l’Etat en formation à l’extérieur du pays |
| <u>Ingingo ya 26:</u> Impamba ku mahugurwa y’imbere mu Gihugu                             | <u>Article 26:</u> Pocket money for training courses inside the country                                | <u>Article 26 :</u> Argent de poche pour les formations à l’intérieur du Pays  |
| <u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO ZISOZA   | <u>CHAPTER VI:</u> FINAL PROVISIONS  | <u>CHAPITRE VI :</u> DISPOSITIONS FINALES  |
| <u>Ingingo ya 27:</u> Abashinzwe kubahiriza iri teka                                      | <u>Article 27:</u> Authorities responsible for the   | <u>Article 27 :</u> Autorités chargées de l’exécution  |

**Ingingo ya 28:** Ibireba amahugurwa ari gukorwa

**Ingingo 29:** Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Ingingo ya 30 :** Igihe iteka ritangira gukurikizwa

**implementation of this Order**

**Article 28:** On-going training

**Article 29 :** Repealing provision

**Article 30 :** Commencement

**du présent arrêté**

**Article 28 :** Formations en cours

**Articles 29 :** Disposition abrogatoire

**Article 30:** Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE  
N°003/03 RYO KU WA 16/01/2015 RIGENA  
UBURYO AMAHUGURWA Y'ABAKOZI BA  
LETA AKORWA**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°003/03 OF  
16/01/2015 DETERMINING MODALITIES  
FOR TRAINING FOR PUBLIC  
SERVANTS**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE  
N°003/03 DU 16/01/2015 PORTANT  
MODALITES DE DEROULEMENT DES  
FORMATIONS DES AGENTS DE L'ETAT**

**Minisitiri w'Intebe;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 118, iya 120 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 32;

Ashingiye ku Itegeko n° 52/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu cy'Amahugurwa mu by'Imicungire y'Abakozi n'Umutungo (RMI) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 15/10/2015, imaze ku bisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**The Prime Minister;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 120 and 201;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Article 32;

Pursuant to Law n° 52/2013 of 28/06/2013 establishing Rwanda Management Institute (RMI) and determining its mission, organization and functioning, especially in its Article 3;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 15/10/2015,

**HEREBY ORDERS:**

**Le Premier Ministre;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée jusqu'à ce jour, spécialement en ses articles 118, 120 et 201;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 32 ;

Vu la Loi n° 52/2013 du 28/06/2013 portant création de l'Institut Rwandais de Management (RMI) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement, spécialement en son article 3;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 15/10/2015,

**ARRETE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena uburyo amahugurwa y'abakozi ba Leta akorwa, imbere mu Gihugu no mu mahanga.

**Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **Amahugurwa:** inyigisho umukozi akurikira kugira ngo yongere ubushobozi bwe ku kazi ashinzwe cyangwa ubushobozi bwe muri rusange. Ayo mahugurwa ashobora kuba agamije kugeza umukozi ku mpamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi yisumbuye kuyo yari afite cyangwa kumwongerera ubushobozi mu kazi asanzwe akora. Amahugurwa ashobora kubera imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga.
- 2° **Umukozi wa Leta:** Umukozi wa Leta ugengwa n'Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta.
- 3° **Amahugurwa y'igihe gito:** Inyigisho zikorwa mu gihe kingana cyangwa kiri muni y'amezi atandatu (6);
- 4° **Amahugurwa y'igihe kirekire:** Inyigisho zirengeje igihe cy'amezi atandatu (6).

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines modalities for training of Public Servants held inside the country or abroad.

**Article 2: Definitions**

For the purpose of this Order, the following terms shall mean:

- 1° **Training:** a course pursued by a Public Servant to build his/her capacity in relation to his/her current job or his/her capacities in general. The course may be aimed at permitting a public servant to obtain a higher qualification than what he/she holds or reinforcing the capacity and improve the competence of a Public Servant in his/her work. The training may be done inside the country or abroad.
- 2° **Public servant:** Public servant governed by Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service.
- 3° **Short term training:** is a course to be done in a period of six (6) months or less.
- 4° **Long term training:** is a course to be done for a period exceeding six (6) months.

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté règlemente les modalités de formation des agents de l'Etat, à l'intérieur et à l'étranger.

**Article 2 : Définitions**

Aux termes du présent arrêté, les termes ci - après ont les significations suivantes :

- 1° **Formation:** une série des cours de perfectionnement qu'un agent de l'Etat reçoit pour renforcer ses capacités au sein de l'emploi qu'il occupe ou ses capacités en général. Ces cours permettent à l'agent qui les poursuit d'obtenir un diplôme supérieur à celui qu'il détenait ou renforcer les connaissances et les capacités de l'agent dans l'exercice de ses fonctions. La formation peut avoir lieu à l'intérieur du pays ou à l'étranger.
- 2° **Agent de l'Etat :** agent de l'Etat régi par la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique.
- 3° **Formation de courte durée :** une formation qui doit être faite pendant une période égale ou inférieure à six (6) mois.
- 4° **Formation de longue durée :** une formation

5° **Komisiyo:** Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta.

6° **Ubunyamabanga:** Ubunyamabanga bw'Igihugu bwo kongerera Abakozi Ubushobozi

**Ingingo ya 3: Isano hagati y'amahugurwa n'umurimo**

Amahugurwa y'Umukozi wa Leta agomba kuba afitanye isano no kongera ubushobozi bwe mu kazi hakurikijwe imirimo ashinzwe n'ibisabwa ku mwanya arimo, cyangwa hibandwa ku buryo ubumenyi bukenewe mu Butegetsu bwa Leta.

Mbere yo kwemerera Umukozi wa Leta kujya mu mahugurwa, cyangwa kumusabira uruhushya rw'amahugurwa, Umuyobozi w'Urwego agomba kubanza gusuzuma isano iri hagati y'amahugurwa n'umurimo Umukozi akora n'uburyo ubumenyi Umukozi ashaka bukenewe mu Butegetsu bwa Leta.

Umuyobozi w'Urwego Umukozi ushaka kujya mu mahugurwa akoramo, Ubunyamabanga bw'Igihugu bwo Kongerera Ubushobozi na Minisiteri ifite Abakozi ba Leta mu nshingano zayo bafite ububasha bwo kwemerera n'ubwo kutemerera Umukozi kujya mu mahugurwa hashingiwe ku isuzuma rivugwa muri iyi ngingo.

5° **Commission:** Public Service Commission.

6° **Secretariat:** National Capacity Building Secretariat

**Article 3: Relationship between the training and job responsibilities**

A Public Servant's training shall be in relation with his/her professional abilities as related to the tasks and requirements of the post currently occupied or the way capacities are needed in Public Service.

Before authorizing a Public Servant to go on training or applying for his/her authorization, the head of institution shall first assess the relationship between the training and employee's job responsibilities and requirements. He/she shall also assess the relevance of the training in regard to capacities needed in public service.

The head of the employing Institution, the National Capacity Building Secretariat and the Ministry responsible for Public Service shall have the competence to allow or reject a public servant's request for training basing on the assessment done as provided for in this article.

qui doit être faite pendant une période de temps supérieure à six (6) mois.

5° **Commission :** Commission de la Fonction Publique.

6° **Secrétariat :** Secrétariat National de Renforcement des Capacités

**Article 3 : Rapport entre la formation et les responsabilités du poste occupé**

La formation de l'agent de l'Etat doit être relative au renforcement de ses capacités professionnelles par rapport à ses attributions et aux exigences du poste qu'il occupe ou par rapport aux besoins en formation au sein de la fonction publique.

Avant l'octroi de la permission de formation ou sa demande, le dirigeant de l'institution doit d'abord examiner le rapport entre la formation et les responsabilités et exigences du poste occupé. Il doit examiner en outre l'importance de la formation de l'agent de l'Etat par rapport aux besoins en formation au sein de la fonction publique.

Le dirigeant de l'institution de travail de l'agent de l'Etat désirant poursuivre une formation, le Secrétariat National de Renforcement des Capacités et le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions ont le droit de permettre ou refuser la permission de la formation suivant l'analyse faite conformément au présent article.

**Ingingo ya 4: Amahugurwa y'umukozi ugitangira akazi**

Umukozi wa Leta ushyizwe mu mwanya agenerwa amahugurwa yo kumumenyereza akazi gashya n'imikorere y'inzego za Leta muri rusange. Ayo mahugurwa ategurwa kandi agatangwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'amahugurwa mu by'imicungire y'Abakozi n'Umutungo.

Umuyobozi ukuriye umukozi wa Leta mushya mu kazi agomba nawe kumumenyereza ku mwanya mu bijyanye n'imikorere y'akazi ashinzwe.

**UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE Y'AMAHUGURWA**

**Ingingo ya 5: Igenwa rya gahunda y'amahugurwa**

Hashingiwe ku isuzuma ry'ubumenyi bukenewe rikorwa n'Ubunyamabanga, buri rwego rwa Leta rutegura gahunda y'amahugurwa y'umwaka ku bakozi barwo rukayishyikiriza Ubunyamabanga, ruyinyujije kuri Minisiteri irureberera, rukagera kopi Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo.

Gahunda y'amahugurwa y'umwaka ishyikirizwa Ubunyamabanga itariki ya 28 Gashyantare y'umwaka w'Ingengo y'Imari ubanziriza uwo amahugurwa ateganijwemo, kugira ngo butegure gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umwaka mu nzego z'imirimu ya Leta.

**Article 4: Induction course**

A public servant appointed on a post in Public Service shall benefit from an induction course enabling him/her to be familiar with his/her job and with public service functioning in general. The induction course shall be organised and provided by Rwanda Management Institute.

Each immediate supervisor shall also have the responsibility to provide internal induction course to his/her new public servant.

**CHAPTER II: ORGANIZATION OF TRAINING**

**Article 5: Establishment of training plan**

Following a capacity needs assessment done by the Secretariat, each public institution shall present its annual training plan through their supervising Ministries to the Secretariat with a copy to the Ministry in charge of public service.

The annual training plan shall be submitted to the National Capacity Building Secretariat not later than February 28<sup>th</sup> of the budget year preceding the budget year for the training implementation to allow the Secretariat to prepare the national annual training plan for

**Article 4: Formation préparatoire**

L'agent de l'Etat nommé à un poste dans la fonction publique reçoit une formation préparatoire lui permettant de se familiariser avec son travail et le fonctionnement de l'Administration Publique en général. La formation préparatoire est organisée et dispensée par l'Institut rwandais de Management.

Chaque superviseur direct doit aussi dispenser une formation préparatoire en vue de familiariser son nouvel agent aux nouvelles attributions.

**CHAPITRE II: ORGANISATION DES FORMATIONS**

**Article 5 : Planification des formations**

Sur base de l'évaluation des besoins en formation mise en place par le Secrétariat, chaque institution publique doit présenter son plan de formation annuel à travers son Ministère de tutelle, au Secrétariat National de Renforcement des Capacités, avec copie réservée au Ministère ayant la fonction publique dans des attributions.

Le plan de formation annuel doit être soumis au Secrétariat National de Renforcement des Capacités, au plus tard le 28 février de l'année budgétaire qui précède celle de l'exécution du plan des formations afin que le Secrétariat puisse préparer le plan national annuel de formation

public service.

dans la fonction publique.

Ubunyamabanga bushyikiriza Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo gahunda y'Igihugu y'amahugurwa n'ingengo y'imari yayo, kugira ngo ibyemeze.

The Secretariat shall present the proposed annual national training plan and budget to the Ministry in charge of finance for approval.

Le Secrétariat soumet au Ministère ayant les finances dans ses attributions le plan national de formation et le budget y relatif, pour approbation.

**Ingingo ya 6: Ibigaragazwa muri gahunda y'amahugurwa**

**Article 6: Content of a training plan**

**Article 6 : Contenu d'un plan de formation**

Gahunda y'amahugurwa y'umwaka igomba kugaragaza umubare w'Abakozi bagomba guhugurwa, aho amahugurwa azakorwa, amahugurwa azakorwa n'ingengo y'imari iteganyirijwe kwishyura amahugurwa.

The annual training plan shall indicate the number of Public Servants to be trained, the place of training, areas of training and the corresponding budget.

Le plan de formation annuel indique le nombre des agents, le lieu de la formation, la nature des programmes de formation ainsi que le budget prévu pour payer la formation.

**Ingingo ya 7: Amahugurwa ateganyirizwa buri mukazi**

**Article 7: Required training session for each public servant**

**Article 7 : Session de formation obligatoire pour chaque agent de l'Etat**

Buri rwego rwa Leta rugomba guteganyiriza buri mukazi umwanya w'amahugurwa agomba guhabwa nibura inshuro imwe mu gihe cy'imyaka ibiri.

Each public institution shall provide for every public servant at least one training session for a period of two years.

Chaque institution publique doit prévoir, pour chaque agent, au moins une session de formation pendant une période de deux ans.

**Ingingo ya 8: Urutonde rw'abakozi bemerewe amahugurwa**

**Article 8 : List of Public Servants selected for training**

**Article 8 : Liste des agents de l'Etat bénéficiaires de formation**

Ubunyamabanga bumenyeshya inzego bireba urutonde rw'abakozi bemerewe kujya mu mahugurwa, igihe ataganywa kuzabera, ibyo bazahugurwamo, aho bazahugurirwa, n'impamvu zo kwemererwa cyangwa kutemererwa.

The Secretariat shall communicate to concerned institutions a list of public servants selected for training, their training period and programmes, institution of training and reasons of approval or disapproval.

Le Secrétariat communique aux institutions concernées la liste indiquant les agents de l'Etat retenus pour la formation, les dates de formations, leurs programmes, les établissements de formation ainsi que les raisons de sélection ou de rejet de candidatures.

**Ingingo ya 9: Uruhushya rwo kujya mu mahugurwa**

Umukozi wa Leta wemerewe kujya mu mahugurwa y'igihe gito imbere mu Gihugu, mbere yo kugenda ahabwa uruhushya n'Umuyobozi w'Urwego akorera cyangwa undi muyobozi yabihereye ububasha.

Umukozi wa Leta wagenwe kujya mu mahugurwa atarenge iminsi mironko itatu (30) mu mahanga ahabwa uruhushya mbere y'uko agenda na Minisitiri w'Intebe cyangwa undi muyobozi yabihereye ububasha abisabiwe n'urwego akorera.

Umukozi wa Leta wagenwe kujya mu mahugurwa mu mahanga arengeje iminsi mironko itatu (30) cyangwa amahugurwa y'igihe kirekire imbere mu Gihugu asabirwa n'Urwego akoramo uruhushya rwo kujya mu mahugurwa rutangwa na Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze cyangwa undi yabihereye ububasha.

Umukozi wa Leta ugiye mu mahugurwa nta ruhushya ahawe afatwa nk'uwataye akazi kandi abihanirwa hakurikijwe amategeko agenga imihanire y'Abakozi ba Leta.

**Ingingo ya 10: Amahugurwa umukozi yiyishyuriye**

Umukozi wa Leta ugiye gukora amahugurwa afitanye isano n'akazi akora, yiyishyuriye cyangwa yarishakiye abaterankunga, urwego

**Article 9: Authorisation for training**

A Public Servant admitted to a short term training inside the country, shall before his/her departure get a duly authorized permission for the training issued by the Head of his/her institution or any other authority delegated to do so.

A public servant selected for training abroad for a period not exceeding thirty (30) days shall before his/her departure and upon request by his/her employing institution, get a duly authorized permission for the training issued by the Prime Minister or any other authority delegated to do so.

A Public Servant selected for training abroad for a period exceeding 30 days or a long term training inside the country shall before his/her departure and upon request by his/her employing institution, get a duly authorized permission for the training issued the Minister responsible for public service or any other authority delegated to do so.

A public servant who goes for training without an authorization shall be considered to have deserted work and shall face disciplinary sanctions in accordance with relevant Laws.

**Article 10: Employee-sponsored training**

A Public Servant who wishes to sponsor his/her training or has got other sponsors than the Government, for a training in relation with

**Article 9: Autorisation de suivre la formation**

Tout agent de l'Etat retenu pour une formation de courte durée à l'intérieur du pays doit obtenir avant son départ, une autorisation lui délivrée par le dirigeant de son institution ou un autre dirigeant qui en a la délégation.

Tout agent de l'Etat retenu pour une formation d'une période n'excédant pas trente (30) jours à l'extérieur du pays doit obtenir avant son départ et sur demande de son institution de travail une autorisation lui délivrée par le Premier Ministre ou un autre dirigeant qui en a la délégation.

Tout agent de l'Etat retenu pour une formation d'une période supérieure à 30 jours à l'extérieur du pays ou une formation de longue durée à l'intérieur du pays doit obtenir avant son départ et sur demande de son institution de travail une autorisation lui délivrée par le Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions ou un autre dirigeant qui en a la délégation.

Un agent de l'Etat qui part en formation sans autorisation est considéré comme ayant abandonné le service et en est sanctionné disciplinairement suivant les lois en la matière.

**Article 10 : Formation financé par l'employé**

Un agent de l'Etat qui veut suivre une formation en relation avec son travail sur une bourse personnelle ou privée, son institution de travail

akoramo rumusabira uruhushya mu buryo bukorehwa iyo basabira abakozi bagiye kwiga bishyurirwa na Leta cyangwa Abafatanyabikorwa bayo.

### **UMUTWE WA III: IBISABWA UMUKOZI WEMERERE AMAHUGURWA**

#### **Ingingo ya 11: Amasezerano n'uwemerewe amahugurwa**

Umukozi wa Leta wahawe amahugurwa mu mahanga cyangwa imbere mu Gihugu nk'uko biteganywa mu ngingo z'iri teka, agirana amasezerano n'urwego akorera yemeza ko nyuma y'amahugurwa umukozi azakorera urwego yakoreraga mbere yo kujya mu mahugurwa, igihe kigera nibura kuri iki gikurikira:

- 1° umwaka umwe (1), niba umukozi yarabonye amahugurwa y'igihe kigera ku mezi atatu (3) ariko kitarengeje amezi atandatu (6);
- 2° imyaka ibiri (2), niba umukozi yarabonye amahugurwa y'igihe kirenze amezi atandatu (6) ariko kitarengeje amezi cumi n'abiri (12);
- 3° imyaka itatu (3), niba umukozi yarabonye amahugurwa y'igihe kirenze amezi cumi n'abiri (12) ariko kitarengeje amezi makumyabiri n'ane (24);

his/her duties, shall get a duly authorized permission requested for by his/her employing institution as done for Public Servants sponsored by the Government or its Development Partners.

### **CHAPTER III: OBLIGATIONS OF A PUBLIC SERVANT AUTHORIZED TO GO ON TRAINING**

#### **Article 11: Contract with the beneficiary of the training**

A Public Servant allowed to leave for a training course abroad or inside the country according to the provisions of this Order, shall sign a contract with his/her employing institution, specifying that after the training she/he shall come back to work for the institution he/she was working for prior to the training for a minimum period of:

- 1° one (1) year if she/he benefitted from training for a period that attains three months (3) but not more than six (6) months;
- 2° two (2) years if she/he benefitted from training for a period that is above six (6) months but not more than twelve (12) months;
- 3° three (3) years if she/he benefitted from training for a period that is above twelve (12) months but not more than twenty four (24) months;

demande pour lui une autorisation suivant les mêmes procédures que pour les Agents de l'Etat financés par le Gouvernement ou ses Partenaires de Développement.

### **CHAPITRE III: OBLIGATIONS DE L'AGENT AUTORISE A SUIVRE LA FORMATION**

#### **Article 11: Contrat avec le bénéficiaire de la formation**

L'agent de l'Etat autorisé à participer à une formation à l'étranger ou l'intérieur du pays suivant les dispositions du présent arrêté, signe un contrat, avec l'institution qui l'emploie, attestant qu'après la formation il restera au service de l'institution d'origine pendant une période minimale de :

- 1° une (1) année s'il va bénéficier d'une formation d'une période atteignant trois (3) mois mais n'excédant pas six (6) mois;
- 2° deux (2) ans s'il va bénéficier d'une formation d'une période supérieure à six (6) mois mais n'excédant pas douze (12) mois;
- 3° trois (3) ans s'il va bénéficier d'une formation d'une période supérieure à douze (12) mois mais n'excédant pas vingt-quatre (24) mois;

4° imyaka itanu (5) niba umukozi yarabonye amahugurwa y'igihe kirenze amezi makumyabiri n'ane (24).

Urwego umukozi akorera rugomba kubika kopi y'amasezerano y'amahugurwa muri dosiye ye.

Amabwiriza ya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze akena amasezerano ngenderwaho avugwa muri iyi ngingo.

**Ingingo ya 12: Gusubiza amafaranga igihe hatubahirijwe amasezerano y'amahugurwa**

Umukozi utubahirije amasezerano y'amahugurwa, akajya gukora ahandi hatari mu rwego rwamwohereje mu mahugurwa, yishyura amafaranga yamwishyuriwe mu mahugurwa n'ayahawe umuryango we, ku kigereranyo cy'igihe yari asigajye gukorera Leta giteganijwe mu masezerano yasinye.

Urwego rufite umukozi wa Leta utubahirije amasezerano y'amahugurwa rugomba kubimenyesha Minisitiri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo, Ubunyamabanga na Komisiyo mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) uhereye igihe umukozi yagendeye.

**Ingingo ya 13: Gukurikira amahugurwa**

Umukozi wa Leta wemerewe kujya mu

4° five (5) years if she/he benefitted from a training that is above twenty four (24) months;

